# INTARA Y'IBURASIRAZUBA-AKARERE KA KAYONZA
# IKIZAMINI CY'IKINYARWANDA 2013

**UMWANDIKO: UKWEZI**

Ukwezi kutumurikira nijoro. Iyo ukwezi kwazoye, tubona kungana n'izuba. Mu by'ukuri nta mahuriro rwose, ndetse n'ubwo isi ari yo ntoya ku zuba irakuruta cyane.

Igishobora gutangaza ni uko kumurika kandi ubwako kutagira urumuri. Ubundi ukwezi ni umubumbe wazimye, wikaraga mu kirere. Kujya kumera nk'isi kuko nayoo ari umubumbe wikaraga mu kirere, ikibitandukanya ni kuko isi ituweho n'ibinyabuzima ari byo: abantu, inyamaswa n'ibimera.

Urumuri rw'ukwezi rukomoka ku zuba nk'uko indorerwamo igarura urumuri rw'izuba cyangwa rw'ikindi kintu kimurika. Ukwezi ntikuboneka iteka ari umubumbe, mu mboneko no mu ndengo zako, tukubona ari igisate. Icyo gihe haba hari uruhande rumwe rwaka, imirasire y'ukwezi iba itageraho, kuba kutaritegera izuba neza.

Igihe tukubona air igisate, bakwita ubuhembe, igihe tukubona kumeze nki'ikidasesa kubonesha cyane bakwita inzora; icyo gihe bavuga ko kuri mu myezi. Ibihe by'ingenzi turebera ku kwezi no bitatu: imboneka, imyezi n'umwijima.
Iyo ukwezi kugeze hagati y'izuba n'isi biri ku murongo ugororotse, ntitubona urumuri rw'izuba. Ubwo hacura umwijima ukagira ngo burije, ni cyo bita ubwirakabiri. Ubwirakabiri ntibukunda kuboneka kenshi; haba iyo buje mu myaka icumi cyangwa irenga.

Ukwezi kwateye abantu amatsiko kuva kera cyane cyane ab'impuguke. Bose bakuvuzeho ibintu byinshi kugeza igihe bakugereyeho barabyibonera. Ayo matsiko yatangiye kugabanuka aho abantu ba mbere bakugereyeho mu mwaka wa 1969.
Imyaka yashize ari myinshi, abahanga mu bumenyi bw'ikirere bo muri Leta zunze ubumwe z'Amerika n'abo mu Burusiya baharanira kuzatanguranwa kugera ku kwezi. Icyo bashakaga bose ni ukwitegereza uko kumeze, kureba ko hashobora guturwa, cyangwa kugirira abantu akamaro ku bundi buryo. Abo bahanga rero bakugezeho.

**I. KUMVA UMWANDIKO**

1a) Mu mwandiko haravugwamo imibumbe ingahe? Yivuge /inota 1

_______________________________________

b) Umubumbe munini kuruta iyindi ni uwuhe? /inota 1

_______________________________________

c) Umubumbe muto kurusha iyindi ni uwuhe? /inota 1

_______________________________________

2. Vuga aho isi itandukaniye n'ukwezi. /amanota 2

_______________________________________

_______________________________________

3. Ko bavuga ko ukwezi ari umubumbe wazimye urumuri rwako rukomoka he? /amanota 2

_______________________________________

4. Abantu ba mbere bageze ku kwezi bashakaga iki? /amonota 2

______________________________________________

______________________________________________

5. Vuga ibihe by'ingenzi tureberamo ukwezi. / amanota 3

______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

6. Ni ryari bavuga ko habaye ubwirakabiri? /inota 1

______________________________________________

7. Subiza Yego cyangwa Oya ukurikije ibivugwa mu mwandiko. /amanota 3

a) Mu gihe cy'imboneka, ukwezi bakwita inzora [ ]

b) Ukwezi kubonesha cyane mu ndengo [ ]

c) Bavuga imyezi igihe ukwezi kumeze nk'ikidasesa [ ]

## II. INYUNGURAMAGAMBO

8. Simbuza amagambo ari mu dukuba bivuga cyane mu isarura ry'amasaka. /amanota 3

a) (Intara) ni igikoresha gikenerwa cyane mu isarura ry'amasaka.

______________________________________________

b) Cana itara dore haje (umuyobe)

______________________________________________

c) Mu mwaka wa 1969 abantu b'(impuguke) bagiye ku kwezi.

______________________________________________

9. Shaka imbusane z'amagambo akurikira: / amanota 3

a) Gutandukanya ≠ ______________________________________________

b) Kuzimya ≠ ______________________________________________

c) Umwijima ≠ ______________________________________________

10. Vuga inshinga zikomoka ku mazina akurikira: /amanota 3

a) Urumuri: ______________________________________________

b) Inkomoko: ______________________________________________

c) Umwijima: ______________________________________________

11. Uzuza izi nteruro ukoresheje amagambo akurikira: amatsiko, indorerwamo, imirasire/ amanota 3

a) Kureba mu ______________________ y'izuba byica amaso.

b) Umwana w'umuhanga agira ______________________ yo gusoma.

c) Kayitare yambara ______________________ z'amaso

## III. UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI

12. Uzuza imigani ikukira: /amanota 3

a) Ihene mbi ______________________________________________

b) ______________________________ aba abwiriza uwo mu mugongo

c) Akanyoni katagurutse ______________________________

13. Huza ibisobanura kimwe. /Amanota 5

| | |
|---|---|
| a) Kubyinira ku rukoma | 1. Kugenda buhoro cyane |
| b) Kugenda wikandagira | 2. Gutungura umuntu |
| c) Kugwa gitumo | 3. Kwishima cyane |
| d) Kugenda amaterekamfizi | 4. Kugenda ufite ubwoba |
| e) Kuvomera mu rutete | 5. Kuruhira ubusa |

**IV. IKESHAMVUGO**

14. Simbuza amagambo ari mu dukubo amagambo yabugenewe. /amanota 6

a) (Shorera) izo nka (zivuye kunywa amazi) nyuma uzishyire mu (nzu yazo)

______________________________

b) (Manika) icyo gisabo (cyashaje) (tuzagura) kindi.

______________________________

**V. IKIBONEZAMVUGO**

15. Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo. /Amanota 8

a) Ukwezi ni umububumbe muto ugereranyije n'izuba.

b) Abandi bantu uzi bagiye ku kwezi ni abahe?

c) Umwana wanjye yiga ibijyanye n'ubumenyi bw'ikirere.

d) Uwo nari ntegereje arabuze none kugenda ndabiretse.

a) Ukwezi: ______________________________

Muto : ______________________________

b) Abandi: ______________________________

Ku: ______________________________

c) Wanjye: ______________________________

Bw': ______________________________

d) Uwo: ______________________________

Kugenda: ______________________________

16. Vuga umumaro w'amagambo agize iyi nteruro. /amanota 3

Yohani arahinga ubunyobwa.

Yohani: ______________________________

Arahinga: ______________________________

Ubunyobwa: ______________________________

17. Shyira izi nteruro mu bindi bihe bikuru by'inshinga. /amanota 4

a) Urumuri rw'ukwezi rukomoka ku zuba.

______________________________

b) Aba bantu bazakenera ibikoresho byinshi.

______________________________

18. Hindura ingiro z'inshinga mu nteruro zikurikira. /amanota 4

a) Indorerwamo igarura urumuri rw'izuba.

______________________________

b) Ukwezi kwagezweho n'abanyabwenge.

______________________________

19. Shaka inteko z'amagambo akurikira. /amanota 5

a) Ukwezi: ______________________________

b) Ubuhembe: ______________________________

c) Amatsiko: ______________________________

d) Inyamaswa: ______________________________

e) Kumera: ______________________________

20. Shaka uturemajambo tw'amagambo akurikira werekane n'amategeko y'igenamajwi yakurikijwe. /amanota 5

a) Igisate: ______________________________

b) Umwezi ______________________________

c) Byinshi: ______________________________

d) Imboneko: ______________________________

e) Inzara (kuba ushonje): ______________________________

21. Vangura aya magambo ukurije ubutinde n'amasaku wandike buri jambo imbere y'iryo bivugitse kimwe (umuhanda, amatara, ubuhanga, ibisheke) /Amanota 4

a) Umuhigi: ______________________________

b) Umusore: ______________________________

**VI. IMYANDIKIRE Y'IKINYARWANDA /Amanota 6**

22. Andika neza interuro zanditse nabi.

a) Ntawe utishimira kubaho neza.

______________________________

b) Uriya mwana aragenda nkurwaye.

______________________________

c) Ese mu nzu harimo amazi.

______________________________

d) Uze ni mugoroba kugirango dufatanye kwiga.

______________________________

**VIII. IHIMBAMWANDIKO /amanota 15**

23. Tanga urugero rw'itangazo ryo kubika.